REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NYAKANGA 2018

10 Kanama 2018

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NYAKANGA 2018

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2018. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 2,0% mu kwezi gushize kwa Nyakanga 2018 ugereranyije na Nyakanga 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 2,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 2,0% mu kwezi kwa Nyakanga ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 3,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 10,2%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2018 na Nyakanga 2017, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 1,4%.

Wagereranya ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2018) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2018) ibiciro byagabanutseho 1,0%. Iri gabanuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,9% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 0,8%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Nyakanga 2018, ibiciro mu byaro byagabanutseho 0,3% ugereranyije na Nyakanga 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 0,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byagabanutseho 0,3% mu kwezi kwa Nyakanga ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 7,7%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2018) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2018) ibiciro byagabanutseho 0,6%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,8%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Nyakanga 2018 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 0,6% ugereranyije na Nyakanga 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa Gatandatu (Kamena 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 1,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongereyeho 0,6% mu kwezi kwa Nyakanga 2018 ni izamuka ry'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 11,2% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 10,2%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa Karindwi (Nyakanga 2018) n'ukwezi kwa Gatandatu (Kamena 2018) ibiciro byagabanutseho 0,8%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,2%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2017 kugeza muri Kamena 2018.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nyakanga 2017 kugeza muri Nyakanga 2018**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2017 | | | | | | 2018 | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 3,5 | 3,2 | 3,8 | 3,6 | 2,2 | 0,7 | 1,3 | 0,7 | 0,9 | 1,7 | 3,0 | 2,9 | 2,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 10,5 | 9,4 | 8,9 | 6,3 | 1,0 | -1,0 | -0,9 | -2,7 | -2,9 | -1,3 | 0,9 | 0,4 | -0,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 8,1 | 7,2 | 7,1 | 5,3 | 1,6 | -0,2 | 0,1 | -1,3 | -1,4 | -0,1 | 1,8 | 1,4 | 0,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -0,1 | 0,2 | 1,1 | 1,2 | -1,2 | -1,2 | 0,2 | 0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,1 | -0,9 | -1,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,1 | 0,9 | 1,9 | 1,5 | -4,3 | -2,5 | -0,2 | 0,5 | 1,3 | 2,4 | 0,8 | -1,7 | -0,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,0 | 0,6 | 1,5 | 1,4 | -3,0 | -1,9 | 0,0 | 0,5 | 1,1 | 1,9 | 0,9 | -1,4 | -0,8 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

**Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:**

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agateganyo w'agashami k'imibare y'ubukungu; claude.mwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw